

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amategeko / Laws / Lois

N° 39/2012 ryo kuwa 24/12/2012

Itegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta.....3

N° 39/2012 of 24/12/2012

Law determining the responsibilities, organisation and functioning of the Public Service Commission.....3

N° 39/2012 du 24/12/2012

Loi portant mission, organisation et fonctionnement de la Commission de la Fonction Publique.....3

N° 44/2012 ryo kuwa 14/01/2013

Itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urugaga rw'Abaganga n'Abaganga b'Amenyo.....25

N° 44/2012 of 14/01/2013

Law on the organisation, functioning and competence of the Medical and Dental Council...25

N° 44/2012 du 14/01/2013

Loi portant organisation, fonctionnement et compétences de l'Ordre des Médecins et des Dentistes.....25

B. Umuryango idaharanira inyungu / Non profit making Association / Association sans but lucratif

N° 173/08.11 ryo kuwa 23/11/2012

Itegeko rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango « Parlement des Jeunes Rwandais (PAJER)» kandi ryemera Abavugizi bawo.....54

N° 173/08.11 of 23/11/2012

Ministerial Order granting legal status to the association « Parlement des Jeunes Rwandais (PAJER)» and approving its Legal Representatives.....54

N° 173/08.11 du 23/11/2012

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'association « Parlement des Jeunes Rwandais (PAJER)» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....54

C. Guhindura izina/Alteration of name/Changement de nom

MBYARIYEHE Mucyo Noel.....72

D. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- COOPEC UMURAVA – GASHAKI.....73
- SAKAJE.....74
- SACCO TWIHUTE KARAGO.....75
- AMIZERO Y'UBUZIMA BWIZA KAGEYO.....76
- GIMACO.....77
- TWITANEHO RUBIRIZI.....78
- KOPANSI.....79

- ABISHYZEHAMWE MUHIMA.....	80
- KORA NTA BUTE.....	81
- KOISARU.....	82
- COTAMOGI-IMBARAGA.....	83
- ABIZERANYE MU BIKORWA.....	84
- IKOAMU.....	85
- ABASERUKANASUKA.....	86
- KOPABIKA GIRAMATA.....	87
- TWAMBIKANE MASAKA.....	88
- COPRORIKI.....	89
- KEHMU.....	90
- JYAMBERE MUHINZI W'UMUCERI.....	91
- CANA NEZA.....	92
- KOIMUNYA.....	93
- UMUCYO KIMINA.....	94
- FATANYA ATAKUWA.....	95
- COAGRIMA.....	96

ITEGEKO N°39/2012 RYO KUWA 24/12/2012
RIGENA INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYA KOMISIYO ISHINZWE
ABAKOZI BA LETA

LAW N°39/2012 OF 24/12/2012
DETERMINING THE RESPONSIBILITIES,
ORGANISATION AND FUNCTIONING OF
THE PUBLIC SERVICE COMMISSION

LOI N° 39/2012 DU 24/12/2012 PORTANT
MISSION, ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE LA
COMMISSION DE LA FONCTION
PUBLIQUE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article Premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: icyicaro cya Komisiyo

Article 2: Head office of the Commission

Article 2 : Siège de la Commission

Ingingo ya 3: Ubwigenge n'ubwisanzure bya
Komisiyo

Article 3: Independence and autonomy of the
Commission

Article 3 : Indépendance et autonomie de la
Commission

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA
KOMISIYO

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE
COMMISSION

CHAPITRE II : MISSION DE LA
COMMISSION

Ingingo ya 4: Inshingano za Komisiyo

Article 4: Responsibilities of the Commission

Article 4 : Mission de la Commission

UMUTWE WA III: IMITERERE
N'IMIKORERE BYA KOMISIYO

CHAPTER III: ORGANIZATION AND
FUNCTIONING OF THE COMMISSION

CHAPITRE III : ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE LA
COMMISSION

Ingingo ya 5: Inzego za Komisiyo

Article 5: Organs of the Commission

Article 5 : Organes de la Commission

Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri

Section One: Council of Commissioners

Section première : Conseil des Commissaires

Ingingo ya 6: Inama y'Abakomiseri na manda
yabo

Article 6: Council of Commissioners and term
of office of its members

Article 6 : Conseil des Commissaires et
mandat de ses membres

<u>Ingingo ya 7</u> : Ibyo Umukomiseri agomba kuba yujuje	<u>Article 7</u> : Conditions for being a Commissioner	<u>Article 7</u> : Conditions pour être Commissaire
<u>Ingingo ya 8</u> : Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Abakomiseri	<u>Article 8</u> : Incompatibilities with membership in the Council of Commissioners	<u>Article 8</u> : Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 9</u> : Inshingano z'Inama y'Abakomiseri	<u>Article 9</u> : Responsibilities of the Council of Commissioners	<u>Article 9</u> : Attributions du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 10</u> : Ibigenerwa abagize Inama y'Abakomiseri	<u>Article 10</u> : Benefits granted to members of the Council of Commissioners	<u>Article 10</u> : Avantages alloués aux membres du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 11</u> : Impamvu zituma ugize Inama y'Abakomiseri ava ku mirimo	<u>Article 11</u> : Grounds for loss of membership of the Council of Commissioners	<u>Article 11</u> : Raisons de perte de la qualité de membre du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 12</u> : Isimburwa ry'Umukomiseri utakiri mu mirimo	<u>Article 12</u> : Replacement of a Commissioner who no longer holds office	<u>Article 12</u> : Remplacement d'un Commissaire ayant cessé ses fonctions
<u>Ingingo ya 13</u> : Imikorere y'Inama y'Abakomiseri	<u>Article 13</u> : Functioning of the Council of Commissioners	<u>Article 13</u> : Fonctionnement du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 14</u> : Itumizwa ry'Inama y'Abakomiseri igihe Perezida na Visi Perezida badahari	<u>Article 14</u> : Convening the meeting of the Council of Commissioners in the absence of the Chairperson and the Deputy Chairperson	<u>Article 14</u> : Convocation de la réunion du Conseil des Commissaires en cas d'absence du Président et du Vice-Président
<u>Ingingo ya 15</u> : Uko Inama y'Abakomiseri iterana n'uko ibyemezo bifatwa	<u>Article 15</u> : Modalities for holding meetings of the Council of Commissioners and for decision-making	<u>Article 15</u> : Modalités de tenue de la réunion du Conseil des Commissaires et de prise de décisions
<u>Icyiciro cya 2</u> : Biro ya Komisiyo	<u>Section 2</u> : Bureau of the Commission	<u>Section 2</u> : Bureau de la Commission
<u>Ingingo ya 16</u> : Biro ya Komisiyo	<u>Article 16</u> : Bureau of the Commission	<u>Article 16</u> : Bureau de la Commission
<u>Ingingo ya 17</u> : Inshingano za Perezida w'Inama y'Abakomiseri	<u>Article 17</u> : Responsibilities of the Chairperson of the Council of Commissioners	<u>Article 17</u> : Attributions du Président du Conseil des Commissaires

<u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano za Visi Perezida w’Inama y’Abakomiseri	<u>Article 18:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Council of Commissioners	<u>Article 18 :</u> Attributions du Vice-Président du Conseil des Commissaires
<u>Icyiciro cya 3:</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Section 3:</u> Executive Secretariat	<u>Section 3:</u> Secrétariat Exécutif
<u>Ingingo ya 19:</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 19:</u> Executive Secretariat	<u>Article 19:</u> Secrétariat Exécutif
<u>Ingingo ya 20 :</u> Imiterere n’inshingano z’Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo	<u>Article 20:</u> Organisation and responsibilities of the Executive Secretariat of the Commission	<u>Article 20:</u> Organisation et attributions du Secrétariat Exécutif de la Commission
<u>Ingingo ya 21 :</u> Inshingano z’Umunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 21:</u> Responsibilities of the Executive Secretary	<u>Article 21:</u> Attributions du Secrétaire Exécutif
<u>Ingingo ya 22:</u> Abakozi ba Komisiyo	<u>Article 22:</u> Staff of the Commission	<u>Article 22:</u> Personnel de la Commission
UMUTWE WA IV: IBYEMEZO BYA KOMISIYO N’MIKORANIRE YAYO N’IZINDI NZEGO	CHAPTER IV: DECISIONS OF THE COMMISSION AND ITS COLLABORATION WITH OTHER INSTITUTIONS	CHAPITRE IV : DECISIONS DE LA COMMISSION ET SA COLLABORATION AVEC D’AUTRES INSTITUTIONS
<u>Ingingo ya 23:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo bya Komisiyo	<u>Article 23:</u> Enforcement of decisions of the Commission	<u>Article 23 :</u> Mise en application des décisions de la Commission
<u>Ingingo ya 24:</u> Ububasha bwo gusaba ibihano	<u>Article 24:</u> Powers to request for sanctions	<u>Article 24 :</u> Pouvoirs de demander des sanctions
<u>Ingingo ya 25:</u> Ubwisanzure mu mikoranire n’izindi nzego	<u>Article 25:</u> Extensive powers to collaborate with other institutions	<u>Article 25 :</u> Pouvoirs élargis dans la collaboration avec d’autres institutions
<u>Ingingo ya 26:</u> Inzego Komisiyo ishyikiriza gahunda y’ibikorwa na raporo	<u>Article 26:</u> Organs to which the Commission submits its action plan and report	<u>Article 26 :</u> Organes auxquels la Commission soumet son plan d’action et son rapport

<u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA KOMISIYO</u>	<u>CHAPTER V: PROPERTY OF THE COMMISSION</u>	<u>CHAPITRE V : PATRIMOINE DE LA COMMISSION</u>
<u>Ingingo ya 27: Umutungo wa Komisiyo n’aho ukomoka</u>	<u>Article 27: Property of the Commission and its sources</u>	<u>Article 27: Patrimoine de la Commission et ses sources</u>
<u>Ingingo ya 28: Iyemeza n’imicungire y’ingengo y’imari ya Komisiyo</u>	<u>Article 28: Adoption and management of the budget of the Commission</u>	<u>Article 28 : Adoption et gestion du budget de la Commission</u>
<u>Ingingo ya 29: Imikoreshereze, imicungire n’igenzura by’umutungo</u>	<u>Article 29: Use, management and audit of the property</u>	<u>Article 29: Utilisation, gestion et audit du patrimoine</u>
<u>UMUTWE WA VI :INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 30: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko</u>	<u>Article 30: Drafting, consideration and adoption of this Law</u>	<u>Article 30: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u>
<u>Ingingo ya 31: Ivanwaho ry’itegeko n’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko</u>	<u>Article 31: Repealing provision</u>	<u>Article 31: Disposition abrogatoire</u>
<u>Ingingo ya 32: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa</u>	<u>Article 32: Commencement</u>	<u>Article 32 : Entrée en vigueur</u>

ITEGEKO N°39/2012 RYO KUWA 24/12/2012 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO ISHINZWE ABAKOZI BA LETA

Twebwe , KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 31Ukwakira 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 24 Ukwakira 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 126, iya 167, iya 176, iya 181 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko n° 06/2007 ryo kuwa 01/02/2007 rigena imiterere n'imikorere ya

LAW N°39/2012 OF 24/12/2012 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE PUBLIC SERVICE COMMISSION

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 31 October 2012;

The Senate, in its session of 24 October 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 126, 167, 176, 181 and 201;

Having reviewed Law n° 06/2007 of 01/02/2007 determining the organization and functioning of

LOI N° 39/2012 DU 24/12/2012 PORTANT MISSION, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION DE LA FONCTION PUBLIQUE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 31 octobre 2012;

Le Sénat, en sa séance du 24 octobre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 126, 167, 176, 181 et 201;

Revu la Loi n° 06/2007 du 01/02/2007 portant organisation et fonctionnement de la

Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta ;

the Public Service Commission;

Commission de la Fonction Publique;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta yitwa «Komisiyo» muri iri tegeko.

This Law determines the responsibilities, organization and functioning of the Public Service Commission hereinafter referred to as “the Commission”.

La présente loi porte mission, organisation et fonctionnement de la Commission de la Fonction Publique ci-après dénommée « la Commission».

Ingingo ya 2: Icyicaro cya Komisiyo

Article 2: Head office of the Commission

Article 2 : Siège de la Commission

Icyicaro cya Komisiyo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda bibaye ngombwa.

The head office of the Commission shall be located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

Le siège de la Commission est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda.

Ingingo ya 3: Ubwigenge n'ubwisanzure bya Komisiyo

Article 3: Independence and autonomy of the Commission

Article 3: Indépendance et autonomie de la Commission

Komisiyo ni urwego rw'Igihugu rwigenga rufite ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'abakozi, imari n'umutungo.

The Commission shall be an independent national institution with financial and administrative autonomy.

La Commission est une institution nationale indépendante dotée de l'autonomie administrative et financière.

Mu byerekeye ishyirwa mu bikorwa rya politiki, amahame n'amategeko bijyanye no gushaka no gucunga abakozi ba Leta, Komisiyo ikorana by'umwihariko na Minisiteri ifite abakozi ba Leta n'umurimo mu nshingano zayo.

As regards the implementation of policies, principles and laws governing Public Service recruitments and administration, the Commission shall work closely with the Ministry in charge of Public Service and Labour.

Concernant la mise en application des politiques, principes et réglementation relatifs au recrutement et à l'administration des agents de l'Etat, la Commission travaille en étroite collaboration avec le Ministère ayant la fonction

publique et le travail dans ses attributions.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA KOMISIYO

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE COMMISSION

CHAPITRE II: MISSION DE LA COMMISSION

Ingingo ya 4: Inshingano za Komisiyo

Article 4: Responsibilities of the Commission

Article 4 : Mission de la Commission

Komisiyo ifite inshingano rusange yo kugenzura uko inzego za Leta zishyira mu bikorwa politiki, amahame n'amategeko ajyanye no gushaka no gucunga abakozi ba Leta.

The Commission shall be responsible for ensuring that policies, principles and laws governing public service recruitments and administration are adhered to and put into effect by all Government institutions.

La Commission a pour mission globale de superviser la mise en application des politiques, principes et réglementation relatifs au recrutement et à l'administration des agents de l'Etat.

By'umwihariko Komisiyo ishinzwe:

The Commission shall be specifically responsible for the following:

La Commission est particulièrement chargée de ce qui suit :

1° gushyiraho uburyo buboneye bwo gushaka abakozi ba Leta;

1° to put in place an effective public service recruitment system;

1° mettre en place un système efficace de recrutement des agents de l'Etat ;

2° kugenzura ko inzego za Leta zishyira abakozi mu mirimo binyuze mu mucyo kandi mu buryo bumwe ku bashaka akazi bose;

2° to verify whether Government institutions recruit staff using a transparent and equitable candidate selection system;

2° vérifier si les institutions publiques recrutent le personnel à travers un système de sélection des candidats transparent et équitable;

3° gusuzuma raporo z'amapiganwa yakoreshejwe n'Inzego za Leta zishaka abakozi;

3° to analyze reports on staff recruitment competitions organized by Government institutions looking for staff;

3° analyser les rapports sur les concours de recrutement du personnel organisés par les institutions publiques dans la recherche du personnel;

4° kugenzura ko Inzego za Leta zubahiriza amategeko, amabwiriza n'ibyemezo bijyanye n'imicungire y'abakozi ba Leta;

4° to verify whether Government institutions comply with laws, regulations and decisions relating to the management of public service employees;

4° vérifier si les institutions publiques se conforment aux lois, aux règlements et aux décisions en rapport avec la gestion des agents de l'Etat;

5° kugenzura uko inzego za Leta zitanga

5° to monitor service delivery in Government

5° faire le contrôle de la prestation des services

Official Gazette n° 02 of 14/01/2013

serivisi n'uburyo abagana izo Nzego bakira serivisi bahabwa;	institutions and the level of satisfaction of clients of such institutions regarding services received;	par les institutions publiques et du niveau de satisfaction des clients de ces institutions par rapport aux services reçus;
6° kugenzura imyifatire n'imitwarire mbonezamurimo by'abakozi ba Leta n'ingaruka bigira ku itangwa rya Serivisi;	6° to oversee professional conduct and behaviour of public service employees and their impact on service delivery;	6° surveiller la conduite et le comportement professionnels des agents de l'Etat et leur impact sur la prestation des services;
7° gukora ubushakashatsi ku mategeko, amateka, ubumenyi bukenewe, n'ibindi byerekeye imicungire n'iterambere ry'abakozi n'inzego z'imirimo ya Leta kugira ngo igire Guverinoma inama;	7° to carry out research on laws, orders, required qualifications and other issues related to staff management and development and on entities providing public services in order to make recommendations to Government;	7° effectuer la recherche sur les lois, les arrêtés, les qualifications requises et sur d'autres questions relatives à la gestion et au développement du personnel et sur les entités fournissant des services publics en vue de faire des recommandations au Gouvernement;
8° gufata imyanzuro ku rwego rwa nyuma ku byemezo byo mu rwego rw'Ubutegetsi yajuririwe.	8° to make in last instance decisions on administrative actions which are brought to it on appeal.	8° prendre en dernier ressort, des décisions sur des mesures administratives lui soumises en appel.

UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO

CHAPTER III: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE COMMISSION

CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION

Ingingo ya 5: Inzego za Komisiyo

Article 5: Organs of the Commission

Article 5 : Organes de la Commission

Komisiyo igizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

The Commission shall be composed of the following management organs:

La Commission est composée des organes administratifs suivants :

- 1° Inama y'Abakomiseri;
- 2° Biro ya Komisiyo;
- 3° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

- 1° the Council of Commissioners;
- 2° the Bureau of the Commission;
- 3° the Executive Secretariat.

- 1° le Conseil des Commissaires ;
- 2° le Bureau de la Commission;
- 3° le Secrétariat Exécutif.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri

Section One: Council of Commissioners

Section première: Conseil des Commissaires

Ingingo ya 6: Inama y'Abakomiseri na manda yabo

Article 6: Council of Commissioners and term of office of its members

Article 6: Conseil des Commissaires et mandat de ses membres

Inama y'Abakomiseri igizwe n'abakomiseri barindwi (7) barimo Perezida na Visi Perezida, bashyirwaho n'iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena.

The Council of Commissioners shall consist of seven (7) Commissioners including the Chairperson and the Deputy Chairperson appointed by a Presidential Order after approval by the Senate.

Le Conseil des Commissaires est composé de sept (7) Commissaires dont le Président et le Vice-Président nommés par arrêté présidentiel après approbation par le Sénat.

Nibura mironko itatu ku ijana (30%) by'Abakomiseri bagomba kuba ari abagore.

At least thirty percent (30%) of the members of the Council of Commissioners must be females.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil des Commissaires doivent être de sexe féminin.

Abakomiseri bakora ku buryo budahoraho kandi bagira manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe.

Commissioners shall serve on a non-permanent basis and their term of office shall be four (4) years renewable once.

Les Commissaires exercent leurs fonctions de façon non permanente et ont un mandat de quatre (4) ans renouvelable une fois.

Ingingo ya 7: Ibyo Umukomiseri agomba kuba yujuje

Article 7: Conditions for being a Commissioner

Article 7: Conditions pour être Commissaire

Kugira ngo umuntu abe umukomiseri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

For a person to be a Commissioner, he/she must satisfy the following conditions:

Pour être commissaire, il faut remplir les conditions suivantes :

1° ari Umunyarwanda;

1° to be a Rwandan by nationality;

1° être de nationalité rwandaise ;

2° ari inyangamugayo;

2° to be a person of integrity;

2° être intègre;

3° afite nibura impamyabumenyi yo mu rwego rwa A0;

3° to have at least a Bachelor's Degree;

3° être détenteur d'un diplôme de niveau A₀ au moins;

4° afite nibura uburambe mu kazi bw'imyaka icumi (10);

4° to have a professional experience of at least ten (10) years;

4° avoir une expérience professionnelle de dix (10) ans au moins ;

Official Gazette n° 02 of 14/01/2013

- | | | |
|--|---|--|
| 5° afite nibura imyaka mironko itatu n'itanu (35) y'amavuko; | 5° to be at least thirty five (35) years old; | 5° être âgé de trente- cinq (35) ans au moins ; |
| 6° ari inararibonye mu miyoborere cyangwa yarabaye umuyobozi; | 6° to have experience in administrative management or have held a managerial position; | 6° avoir une expérience dans la gestion administrative ou avoir occupé un poste de direction; |
| 7° adakurikiranyweho icyaha cya jenocide cyangwa icy'ingengabitekerezo yayo | 7° not to be subject to prosecution for the crime of genocide or genocide ideology; | 7° ne pas faire l'objet de poursuites pour crime de génocide ou d'idéologie du génocide ; |
| 8° atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6). | 8° not to have been definitively sentenced to a term of imprisonment equal or exceeding six (6) months. | 8° ne pas avoir été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois. |

Ingingo ya 8: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Abakomiseri

Umukomiseri ntashobora kubangikanya imirimo yo kuba umukomiseri no kuba umukozi wa Leta.

Umukomiseri ntibyamewe kandi, haba ku giti cye, ikigo afitemo imigabane cyangwa umwanya w'ubuyobozi, gupiganira amasoko atangwa na Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta.

Ingingo ya 9: Inshingano z'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri ni rwo rwego rukuru rwa Komisiyo. Ishinzwe ibi bikurikira:

- 1° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano za Komisiyo;

Article 8: Incompatibilities with membership in the Council of Commissioners

The office of Commissioner shall be incompatible with serving as a public servant.

A Commissioner, either individually or a company in which he/she holds shares or a managerial position, shall not be allowed to bid for tenders of the Commission.

Article 9: Responsibilities of the Council of Commissioners

The Council of Commissioners shall be the supreme organ of the Commission. It shall have the following responsibilities:

- 1° to make follow-up on the fulfilment of the performance of the responsibilities of the

Article 8: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil des Commissaires

Les fonctions de commissaire sont incompatibles avec celles de l'agent de l'Etat.

Un commissaire, soit à titre individuel, soit l'organisme dont il est actionnaire ou au sein duquel il occupe un poste de direction, ne sont pas autorisés à soumissionner aux marchés de la Commission.

Article 9: Attributions du Conseil des Commissaires

Le Conseil des Commissaires est l'organe suprême de la Commission. Ses attributions sont les suivantes:

- 1° assurer le suivi de l'accomplissement de la mission de la Commission ;

Official Gazette n° 02 of 14/01/2013

Commission;

- | | | |
|--|---|---|
| 2° gukurikirana imicungire y'umutungo wa Komisiyo; | 2° to make follow-up on the management of the property of the Commission; | 2° faire le suivi de la gestion du patrimoine de la Commission ; |
| 3° kwemeza raporo na gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo; | 3° to approve the report and activity plan of the Commission ; | 3° approuver le rapport et le plan d'activités de la Commission ; |
| 4° gushyira mu myanya abakozi ba Komisiyo no gukurikirana imicungire yabo; | 4° to assign the staff of the Commission to positions and make follow-up on the management of such staff; | 4° affecter le personnel de la Commission et faire le suivi de la gestion de ce personnel; |
| 5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Komisiyo; | 5° to approve the draft budget proposal of the Commission ; | 5° approuver l'avant-projet de budget de la Commission ; |
| 6° gutanga inama no gufata ibyemezo byose bituma Komisiyo igera ku nshingano zayo; | 6° to provide advice and take any decisions enabling the Commission to fulfil its responsibilities; | 6° donner des conseils et prendre toutes les décisions permettant à la Commission d'accomplir sa mission; |
| 7° kwemeza amategeko ngengamikorere ya Komisiyo. | 7° to approve the rules and regulations of the Commission. | 7° approuver le règlement d'ordre intérieur de la Commission. |

Ingingo ya 10: Ibigenerwa abagize Inama y'Abakomiseri

Ibigenerwa abagize Inama y'Abakomiseri bishyirwaho n'iteka rya Perezida.

Article 10: Benefits granted to members of the Council of Commissioners

The benefits granted to the members of the Council of Commissioners are determined by a Presidential Order.

Article 10 : Avantages alloués aux membres du Conseil des Commissaires

Les avantages alloués aux membres du Conseil des Commissaires sont déterminés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 11: Impamvu zituma ugize Inama y'Abakomiseri ava ku mirimo

Ugize Inama y'Abakomiseri ava muri uwo mwanya kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

Article 11: Grounds for loss of membership of the Council of Commissioners

A member of the Council of Commissioners shall lose his/her office for any of the following reasons:

Article 11: Raisons de perte de la qualité de membre du Conseil des Commissaires

Un membre du Conseil des Commissaires perd sa qualité de commissaire pour l'une des raisons suivantes:

Official Gazette n° 02 of 14/01/2013

1° manda irangiye;	1° expiry of the term of office;	1° expiration du mandat;
2° atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe byemejwe na muganga wemewe na Leta;	2° if he/she can no longer perform his/her duties due to physical or mental disability duly confirmed by a licensed medical doctor;	2° s'il ne peut plus remplir ses fonctions suite à une incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;
3° yeguye ku mirimo ku bushake bwe akoresheje inyandiko;	3° written notification of voluntary resignation;	3° démission volontaire par notification écrite;
4° atacyujuje ibyashingiweho ashirwa mu Nama y'Abakomiseri;	4° if he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment to the Council of Commissioners;	4° s'il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé au Conseil des Commissaires;
5° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;	5° if he/she demonstrates behaviour unworthy of his/her duties;	5° s'il fait montre d'un comportement indigne de ses fonctions;
6° abangamiye inyungu za Komisiyo;	6° if he/she acts against the interests of the Commission;	6° agissement contre les intérêts de la Commission;
7° asibye inama za Komisiyo inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;	7° three (3) consecutive unjustified absences from meetings of the Commission within a year;	7° trois (3) absences consécutives aux réunions de la Commission au cours d'une même année sans raisons valables;
8° apfuye.	8° death.	8° décès.

Ukwegura k'umwe mu bakomiseri kugezwa kuri Perezida wa Repubulika mu ibaruwa ishinganye mu iposita cyangwa itanzwe mu ntoki ifite icyemezo cy'iyakira. Iyo iminsi mirongo itatu (30) irangiye nta gisubizo, ukwegura gufatwa nk'aho kwemewe.

The resignation of a Commissioner shall be tendered to the President of the Republic by registered post mail or by letter hand-delivered with acknowledgement of receipt. If a period of thirty (30) days elapses with no response, the resignation is considered as accepted.

La démission d'un commissaire est présentée au Président de la République par lettre recommandée à la poste ou remise en main avec un accusé de réception. Passé le délai de trente (30) jours sans réponse, la démission est réputée acceptée.

Ingingo ya 12: Isimburwa ry'umukomiseri utakiri mu mirimo

Iyo umwe mu bakomiseri avuye ku mirimo ye, Perezida wa Komisiyo abimenyeshya Perezida wa Repubulika akagera kopi Sena na Guverinoma mu gihe kitarenze iminsi umunani (8).

Umukomiseri utakiri mu mirimo ye asimburwa hakurikijwe uburyo yashyizweho mu gihe kitarenze amezi atatu (3).

Icyakora iyo umubare w'Abakomiseri ugiye minsi ya bane (4), ugomba kuba wujijwe mu minsi itarenze mirongo itandatu (60).

Iyo umukomiseri avuye ku mirimo atarangije manda ye asimburwa mu mwanya we n'undi mukomiseri akarangiza igice cya manda cyari gisigaye iyo kirengeje amezi atatu (3).

Ingingo ya 13: Imikorere y'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri iterana rimwe mu kwezi mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari. Inama idasanzwe iterana Perezida cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari babyibwirije cyangwa babisabwe mu

Article 12: Replacement of a Commissioner who no longer holds office

In case one of the Commissioners ceases holding office, the Chairperson of the Commission shall inform the President of the Republic with a copy to the Senate and the Government in a period not exceeding eight (8) days.

A Commissioner who ceases holding office shall be replaced in accordance with the procedure applicable to his/her appointment in a period not exceeding three (3) months.

However, where the number of Commissioners is less than four (4), it must be filled within a period not exceeding sixty (60) days.

In case a commissioner ceases holding office before the end of his/her term of office, he/she is replaced by another Commissioner who serves the remainder of the term of office if it exceeds three (3) months.

Article 13: Functioning of the Council of Commissioners

The Council of Commissioners shall hold its ordinary meeting once a month and its extraordinary meetings whenever necessary. It shall be convened and chaired by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of the Chairperson. The extraordinary meeting shall be held upon the initiative of the Chairperson or Vice

Article 12 : Remplacement d'un commissaire ayant cessé ses fonctions

En cas de cessation de fonctions d'un commissaire, le Président de la Commission en informe le Président de la République et réserve une copie au Sénat et au Gouvernement dans un délai ne dépassant pas huit (8) jours.

Un commissaire qui cesse ses fonctions est remplacé suivant les modalités de sa nomination endéans trois (3) mois.

Toutefois, lorsque le nombre de commissaires est inférieur à quatre (4), il doit être comblé dans un délai ne dépassant pas soixante (60) jours.

En cas de cessation des fonctions par un commissaire avant la fin de son mandat, il est remplacé par un autre Commissaire pour la durée du mandat restant à courir si elle est supérieure à trois (3) mois.

Article 13: Fonctionnement du Conseil des Commissaires

Le Conseil des Commissaires se réunit en réunion ordinaire une fois par mois et en réunion extraordinaire chaque fois que de besoin. Il est convoqué et présidé par son Président ou son Vice-président en cas d'absence du Président. La réunion extraordinaire se réunit à l'initiative du

Official Gazette n° 02 of 14/01/2013

nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.	Chairperson in case of absence of the Chairperson or upon written request of at least one third (1/3) of its members.	Président ou du Vice Président en cas d'absence du Président ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres.
Ubutumire bw'inama isanzwe bugezwa ku bakomiseri nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko inama iterana.	The invitation to ordinary meetings shall reach Commissioners at least seven (7) days prior to the meeting date.	L'invitation aux réunions ordinaires parvient aux commissaires au moins sept (7) jours avant la date de tenue de la réunion.
Iyo ari inama idasanzwe ubutumire bugezwa ku Bakomiseri nibura iminsi itatu (3) mbere y'uko inama iterana.	In case of extraordinary meetings, the invitation shall reach Commissioners at least three (3) days prior to the meeting date.	En cas de réunion extraordinaire, l'invitation parvient aux commissaires au moins trois (3) jours avant la date de tenue de la réunion.
Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyumvikanyeho n'abandi bakomiseri, ashobora gutumira mu nama undi muntu wese w'inzobere ushobora kuyungura inama ku ngingo runaka iri ku murongo w'ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.	After receiving a favourable opinion of other Commissioners, the Chairperson of the Commission or Deputy Chairperson in case of absence of the Chairperson may invite to the meetings any resource person who can provide advice on any item on the agenda. The person invited shall not take part in the vote the consideration of other items on the agenda.	Le Président de la Commission ou le Vice-Président en cas d'absence du Président peut, après avis favorable d'autres commissaires, inviter aux séances toute personne qui peut être consultée sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour. La personne invitée ne participe ni au vote, ni à l'examen d'autres points inscrits à l'ordre du jour.
<u>Ingingo ya 14: Itumizwa ry'Inama y'Abakomiseri igihe Perezida na Visi Perezida badahari</u>	<u>Article 14: Convening the meeting of the Council of Commissioners in the absence of the Chairperson and the Deputy Chairperson</u>	<u>Article 14: Convocation de la réunion du Conseil des Commissaires en cas d'absence du Président et du Vice-Président</u>
Iyo Perezida na Visi Perezida badahari cyangwa batagishoboye gukora akazi kabo, mu gihe batarasimburwa nk'uko bigenwa n'iri tegeko, umukuru mu myaka atumiza inama y'Inama y'Abakomiseri ikitoramo ababasimbura by'agateganyo.	In the absence of the Chairperson and Deputy Chairperson or in case of their inability to perform their duties while they have not yet been replaced in accordance with this law, the oldest member shall convene the meeting of the Council of Commissioners which shall elect from among its members their temporary replacements.	En cas d'absence du Président et du Vice-Président ou en cas de leur incapacité à remplir leurs fonctions alors qu'il n'est pas encore pourvu à leur remplacement conformément à la présente loi, le doyen d'âge convoque la réunion du Conseil des Commissaires qui élit en son sein leurs remplaçants provisoires.

Ingingo ya 15: Uko Inama y'Abakomiseri iterana n'uko ibyemezo bifatwa

Kugira ngo Inama y'Abakomiseri iterane hagomba kuba hari nibura abakomiseri batanu (5).

Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye, byaba bidashobotse bigafatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.

Icyiciro cya 2: Biro ya Komisiyo

Ingingo ya 16: Biro ya Komisiyo

Biro ya Komisiyo igizwe na Perezida na Visi Perezida.

Biro ya Komisiyo ifata ibyemezo byihutirwa igihe abagize Inama y'Abakomiseri batabashije guterana, bikemezwa burundu n'abagize Inama y'Abakomiseri igihe bongeye guterana.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yitabira inama za Biro akanazibera umwanditsi.

Ingingo ya 17: Inshingano za Perezida w'Inama y'Abakomiseri

Perezida w'Inama y'Abakomiseri ashinzwe ibi bikurikira:

Article 15: Modalities for holding meetings of the Council of Commissioners and for decision- making

The Council of Commissioners shall validly meet only if at least five (5) of its members are present.

The decisions shall be made by consensus, failing which, by an absolute majority of the members present at the meeting.

Section 2: Bureau of the Commission

Article 16: Bureau of the Commission

The Bureau of the Commission shall be composed of the Chairperson and Deputy Chairperson.

When the Council of Commissioners is unable to meet, the Bureau of the Commission shall make urgent decisions which shall be submitted to the next meeting of the Council of Commissioners for final approval.

The Executive Secretary shall attend the meeting of the Bureau and serve as rapporteur.

Article 17: Responsibilities of the Chairperson of the Council of Commissioners

The responsibilities of the Chairperson of the Council of Commissioners shall be the following:

Article 15 : Modalités de tenue de la réunion du Conseil des Commissaires et de prise de décisions

Le Conseil des Commissaires ne peut se réunir valablement que lorsqu'au moins cinq (5) de ses membres sont présents.

Les décisions sont prises par consensus. A défaut de consensus, elles sont prises à la majorité absolue des membres présents à la réunion.

Section 2: Bureau de la Commission

Article 16: Bureau de la Commission

Le Bureau de la Commission est composé du Président et le Vice-Président.

Le Bureau de la Commission prend des décisions urgentes en cas d'incapacité du Conseil des Commissaires de siéger, lesquelles décisions sont soumises à l'approbation définitive du Conseil des Commissaires lors de sa réunion suivante.

Le Secrétaire Exécutif assiste aux réunions du Bureau et en est le rapporteur.

Article 17: Attributions du Président du Conseil des Commissaires

Le Président du Conseil des Commissaires a les attributions suivantes:

Official Gazette n° 02 of 14/01/2013

1° gutumiza no kuyobora Inama y'Abakomiseri;	1° to convene and preside over the meetings of the Council of Commissioners;	1° convoquer et diriger les réunions du Conseil des Commissaires;
2° guhuza ibikorwa bya Komisiyo;	2° to coordinate the activities of the Commission;	2° coordonner les activités de la Commission ;
3° guhagararira Komisiyo mu Gihugu no mu mahanga;	3° to represent the Commission within and outside the country;	3° représenter la Commission dans le pays et à l'étranger;
4° gutegura gahunda y'inama z'Inama y'Abakomiseri;	4° to prepare the agenda of the meetings of the Council of Commissioners;	4° préparer l'agenda des réunions du Conseil des Commissaires ;
5° gushyikiriza raporo na gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo inzego zibifitiye ububasha;	5° to submit activity reports and action plan of the Commission to relevant institutions;	5° transmettre aux institutions compétentes les rapports et le plan d'action de la Commission ;
6° gukora indi mirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za Komisiyo.	6° to perform such other duties in connection with the responsibilities of the Commission as may be assigned by the Council of Commissioners.	6° exécuter toutes autres tâches en rapport avec la mission de la Commission qui pourraient lui être assignées par le Conseil des Commissaires.

Ingingo ya 18: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Abakomiseri

Article 18: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Council of Commissioners

Article 18: Attributions du Vice-Président du Conseil des Commissaires

Visi Perezida w'Inama y'Abakomiseri afite inshingano zikurikira:

The responsibilities of the Deputy Chairperson of the Council of Commissioners shall be the following:

Le Vice-Président du Conseil des Commissaires a les attributions suivantes:

1° kunganira Perezida no kumusimbura mu igihe cyose adahari;	1° to assist the Chairperson and deputize for him/her whenever he/she is absent;	1° assister le Président et le remplacer chaque fois qu'il est absent;
2° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za Komisiyo.	2° to perform such other duties in connection with the responsibilities of the Commission as may be assigned to him/her by the Council of Commissioners.	2° accomplir toutes autres tâches en rapport avec la mission de la Commission qui pourraient lui être assignées par le Conseil des Commissaires.

<u>Icyiciro cya 3:</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Section 3:</u> Executive Secretariat	<u>Section 3:</u> Secrétariat Exécutif
<u>Ingingo ya 19:</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 19:</u> Executive Secretariat	<u>Article 19:</u> Secrétariat Exécutif
Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo. Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashwirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.	The Executive Secretariat of the Commission shall be headed by the Executive Secretary. The Executive Secretary is appointed by a Prime Minister's Order.	Le Secrétariat Exécutif de la Commission est dirigé par le Secrétaire Exécutif de la Commission. Le Secrétaire Exécutif est nommé par arrêté du Premier Ministre.
<u>Ingingo ya 20:</u> Imiterere n'inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo	<u>Article 20:</u> Organisation and responsibilities of the Executive Secretariat of the Commission	<u>Article 20:</u> Organisation et attributions du Secrétariat Exécutif de la Commission
Imiterere n'inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.	The organisation and responsibilities of the Executive Secretariat of the Commission shall be determined by a Prime Minister's order.	L'organisation et les attributions du Secrétariat Exécutif de la Commission sont déterminées par Arrêté du Premier Ministre.
<u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 21:</u> Responsibilities of the Executive Secretary	<u>Article 21:</u> Attributions du Secrétaire Exécutif
Umunyamabanga Nshingwabikorwa afite inshingano zikurikira:	The responsibilities of Executive Secretary shall be the following:	Le Secrétaire Exécutif a les attributions suivantes:
1° gutunganya no guhuza ibikorwa byose byo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa;	1° to organize and coordinate all the activities within the Executive Secretariat;	1° organiser et coordonner toutes les activités au sein du Secrétariat Exécutif;
2° gukurikirana imirimo ya buri muni ya Komisiyo;	2° to monitor the daily activities of the Commission;	2° faire le suivi des activités quotidiennes de la Commission;
3° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya Komisiyo no gutanga raporo yabyo;	3° to manage staff, equipment and assets of the Commission and submit the report thereon;	3° gérer le personnel, le matériel et le patrimoine de la Commission et transmettre le rapport y relatif;

Official Gazette n° 02 of 14/01/2013

- | | | |
|--|---|--|
| 4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inama y’Abakomiseri; | 4° to implement the decisions of the Council of Commissioners; | 4° mettre en exécution les décisions du Conseil des Commissaires; |
| 5° kwiga amadosiye y’akazi n’aya tekiniiki ajyanye n’inshingano za Komisiyo ; | 5° to examine service and technical files relating to the responsibilities of the Commission; | 5° étudier les dossiers de service et techniques relatifs à la mission de la Commission ; |
| 6° kuba umwanditsi w’Inama y’Abakomiseri; | 6° to serve as the rapporteur of the Council of Commissioners; | 6° être le rapporteur du Conseil des Commissaires; |
| 7° gutegura imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari, gahunda y’ibikorwa na raporo y’ibikorwa akabishikiriza Inama y’Abakomiseri; | 7° to prepare the draft budget proposal, action plan and activity report and submit them to the Council of Commissioners; | 7° élaborer l’avant-projet de budget, le plan d’action et le rapport d’activités et les soumettre au Conseil des Commissaires ; |
| 8° gutegura imbanzirizamushinga y’amategeko ngengamikorere ya Komisiyo; | 8° to prepare the draft proposal of the internal rules and regulation of the Commission; | 8° préparer l’avant-projet de règlement d’ordre intérieur de la Commission; |
| 9° gukora indi mirimo yose yasabwa n’Inama y’Abakomiseri cyangwa Perezida w’Inama y’Abakomiseri iri mu nshingano za Komisiyo. | 9° to perform such other duties falling within the responsibilities of the Commission as may be assigned to him/her by the Council of Commissioners or Chairperson of the Council of Commissioners. | 9° accomplir toutes autres tâches relevant de la mission de la Commission qui pourraient lui être assignées par le Conseil des Commissaires ou le Président du Conseil des Commissaires. |

Ingingo ya 22: Abakozi ba Komisiyo

Abakozi ba Komisiyo bashyirwaho kandi bagacungwa hakurikijwe Sitati rusange igenga Abakozi bo mu Butegetsu bwa Leta.

Article 22: Staff of the Commission

The staff of the Commission shall be recruited and managed in accordance with the General Statutes for Rwanda Public Service.

Article 22: Personnel de la Commission

Le personnel de la Commission est recruté et géré conformément au Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

UMUTWE WA IV: IBYEMEZO BYA KOMISIYO N'IMIKORANIRE YAYO N'IZINDI NZEGO

CHAPTER IV: DECISIONS OF THE COMMISSION AND ITS COLLABORATION WITH OTHER INSTITUTIONS

CHAPITRE IV: DECISIONS DE LA COMMISSION ET SA COLLABORATION AVEC D'AUTRES INSTITUTIONS

Ingingo ya 23: Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bya Komisiyo

Article 23: Enforcement of Decisions of the Commission

Article 23 : Mise en application des décisions de la Commission

Ibyemezo bya Komisiyo bigomba gushyirwa mu bikorwa n'inzego bireba mu gihe kigenwa na Komisiyo.

The decisions of the Commission shall be enforced by the organs concerned by such decisions within deadlines set by the Commission.

Les décisions de la Commission sont mises en application par les organes concernées par lesdites décisions, dans les délais fixés par la Commission.

Ibyemezo bya Komisiyo ku bujirire yagejejweho bigomba gushyirwa mu bikorwa n'inzego zose bireba mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

The decisions of the Commission on the appeals received must be implemented by all institutions concerned by such decisions within a period not exceeding thirty (30) days.

Les décisions de la Commission sur les recours reçus doivent être exécutées par toutes les institutions concernées par lesdites décisions dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours.

Ingingo ya 24: Ububasha bwo gusaba ibihano

Article 24: Powers to request for sanctions

Article 24 : Pouvoirs de demander des sanctions

Iyo nyuma y'iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uherye igihe umuyobozi w'urwego ashakirijwe ibaruwa imusaba gushyira mu bikorwa icyemezo cya Komisiyo ku bujirire yagejejweho, yinangiye ntashyire mu bikorwa icyo cyemezo nta mpamvu ifatika yagaragaje mu nyandiko, Komisiyo isaba mu nyandiko urwego rubifitiye ububasha kumuhana.

The Commission shall write to the relevant authority requesting for sanctions against an authority of an organ who, without valid reason notified in writing, stubbornly refuses to enforce a decision on an appeal received by the Commission after a period of thirty (30) days from the date of receipt of a letter requesting him/her to enforce such a decision.

La Commission fait une demande écrite à l'autorité compétente demandant des sanctions contre une autorité d'un organe qui, après trente (30) jours à compter de la date de réception d'une lettre l'enjoignant d'exécuter une décision de la Commission sur un appel reçu, refuse obstinément d'exécuter cette décision sans raison valable signalée par écrit.

Ingingo ya 25: Ubwisanzure mu mikoranire n'izindi nzego

Article 25: Extensive powers to collaborate with other institutions

Article 25: Pouvoirs élargis dans la collaboration avec d'autres institutions

Komisiyo ifite ububasha bwo gusaba inzego igenzura kuyiha ibyo ikeneye byo mu rwego

The Commission shall have the authority to require institutions under its supervision to

La Commission a le pouvoir de demander aux institutions soumises à sa supervision de lui

rw'imirimo ishinzwe.

provide it with what it needs to fulfil its mission.

remettre ce dont elle a besoin dans l'accomplissement de sa mission.

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko agenga abakozi bafite sitati zihariye, Komisiyo igenzura iyubahirizwa rya politiki, amahame n'amategeko bijyanye no gushaka no gucunga abakozi ba Leta.

Without prejudice to the provisions of the laws applicable to the staff governed by specific statutes, the Commission shall monitor compliance with policies, principles and laws governing public service recruitments and administration.

Sans préjudice des dispositions des lois applicables au personnel régi par un statut particulier, la Commission contrôle la mise en application des politiques, principes et la réglementation relatifs au recrutement et à l'administration des agents de l'Etat.

Ingingo ya 26: Inzego Komisiyo ishyikiriza gahunda y'ibikorwa na raporo

Article 26: Organs to which the Commission submits its action plan and report

Article 26: Organes auxquels la Commission soumet son plan d'action et son rapport

Komisiyo ishyikiriza buri mwaka Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma gahunda na raporo z'ibikorwa byayo, mu gihe kitarenze amezi atatu (3) ya mbere y'umwaka ukurikiyeho.

The Commission shall submit, within a period not exceeding the first three (3) months of the following year, its action plan and activity report to the Cabinet and the Parliament.

La Commission soumet, dans un délai ne dépassant pas les trois (3) premiers mois de l'exercice suivant, au Gouvernement et au Parlement, son plan d'action et son rapport d'activités.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA KOMISIYO

CHAPTER V: PROPERTY OF THE COMMISSION

CHAPITRE V: PATRIMOINE DE LA COMMISSION

Ingingo ya 27: Umutungo wa Komisiyo n'aho ukomoka

Article 27: Property of the Commission and its sources

Article 27: Patrimoine de la Commission et ses sources

Umutungo wa Komisiyo ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

The property of the Commission shall consist of movables and immovables.

Le patrimoine de la Commission est constitué des biens mobiliers et immobiliers.

Uwo mutungo ukomoka kuri ibi bikurikira:

Such property shall derive from the following:

Le patrimoine de la Commission provient des sources suivantes:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

1° state budget allocations;

1° dotations budgétaires de l'Etat;

2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

2° subsidies from Government or partners;

2° subventions de l'Etat ou des partenaires;

3° ibituruka ku mirimo ikora;

3° proceeds from services rendered;

3° produits des services prestés ;

4° inyungu ku mutungo wayo;

4° revenues from its assets;

4° revenus de son patrimoine ;

5° impano n'indangano.

5° donations and bequests.

5° dons et legs.

Ingingo ya 28: Iyemeza n'imicungire y'ingengo y'imari ya Komisiyo

Article 28: Adoption and management of the budget of the Commission

Article 28: Adoption et gestion du budget de la Commission

Ingengo y'imari ya Komisiyo yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

The budget of the Commission shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Le budget de la Commission est approuvé et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

Ingingo ya 29: Imikoreshereze, imicungire n'igenzura by'umutungo

Article 29: Use, management and audit of the property

Article 29: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

Umutungo wa Komisiyo ukoreshwa gusa mu kuzuza inshingano zayo.

The property of the Commission shall only be used for the purpose of accomplishing its mission.

Le patrimoine de la Commission est uniquement utilisé aux fins d'accomplir sa mission.

Imikoreshereze n'imicungire by'umutungo wa Komisiyo bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

The use and management of the property of the Commission shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

L'utilisation et la gestion du patrimoine de la Commission se font conformément aux dispositions légales en la matière.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa Komisiyo buha raporo Inama y'Abakomiseri.

The internal audit department of the Commission shall submit its report to the Council of Commissioners.

Le service d'audit interne de la Commission transmet son rapport au Conseil des Commissaires.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 30: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'itegeko

Article 30: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 30: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 31: Ivanwaho ry’itegeko n’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Itegeko n° 06/2007 ryo ku wa 01/02/2007 rigena imiterere n’imikorere ya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta n’ingingo zose z’andi mategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanweho.

Ingingo ya 32: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, kuwa 24/12/2012

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w’Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w’Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 31: Repealing provision

Law n° 06/2007 of 01/02/2007 determining the organization and functioning of the Public Service Commission and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 32: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 24/12/2012

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 31: Disposition abrogatoire

La Loi n° 06/2002 du 01/02/2007 portant organisation et fonctionnement de la Commission de la Fonction Publique et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 32: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 24/12/2012

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°44/2012 RYO KUWA 14/01/2013
RIGENA IMITUNGANYIRIZE,
IMIKORERE N'UBUBASHA BY'URUGAGA
RW'ABAGANGA N'ABAGANGA
B'AMENYO

LAW N°44/2012 OF 14/01/2013 ON THE
ORGANISATION, FUNCTIONING AND
COMPETENCE OF THE MEDICAL AND
DENTAL COUNCIL

LOI N° 44/2012 DU 14/01/2013 PORTANT
L'ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET
COMPETENCES DE L'ORDRE DES
MEDECINS ET DES DENTISTES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere : icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

Ingingo ya 3 : Inshingano y'Urugaga

Article 3: Mission of the Council

Article 3 : Mission de l'Ordre

Ingingo ya 4: Ububasha bw'Urugaga

Article 4 :Competence of the Council

Article 4 : Compétences de l'Ordre

Ingingo ya 5: Ubwigenge n'ubwisanzure
by'Urugaga

Article 5: Autonomy of the Council

Article 5 : Autonomie de l'Ordre

Ingingo 6: icyicaro cy'Urugaga

Article 6 : Head Office of the Council

Article 6 : Siège de l'Ordre

UMUTWE WA II: IMITERERE
Y'URUGAGA

CHAPTER II: ORGANISATION OF THE
COUNCIL

CHAPITRE II: ORGANISATION DE
L'ORDRE

Ingingo ya 7 : Inzego zigize Urugaga

Article 7 : Organs of the Council

Article 7 : Organes de l'Ordre

Ingingo ya 8 : Inama y'Igihugu y'Urugaga

Article 8 : National Council Board

Article 8 : Conseil National de l'Ordre

Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Igihugu
y'Urugaga

Article 9: Composition of the National Council
Board

Article 9 : Composition du Conseil National de
l'Ordre

<u>Ingingo ya 10:</u> Manda y'abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga	<u>Article 10:</u> Term of office of members of the National Council Board	<u>Article 10 :</u> Mandat des membres du Conseil National de l'Ordre
<u>Ingingo ya 11:</u> Impamvu zituma uri mu Nama y'Igihugu y'Urugaga ayivamo	<u>Article 11:</u> Grounds for termination of membership of the National Council Board	<u>Article 11 :</u> Raisons de cessation de la qualité de membres du Conseil National de l'Ordre
<u>Ingingo ya 12:</u> Isimburwa ry'ugize Inama y'Igihugu y'Urugaga	<u>Article 12 :</u> Replacement of a member of the National Council Board	<u>Article 12 :</u> Remplacement d'un membre du Conseil National de l'Ordre
<u>Ingingo ya 13:</u> Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga	<u>Article 13:</u> Bureau of the National Council Board	<u>Article 13 :</u> Bureau du Conseil National de l'Ordre
<u>Ingingo ya 14:</u> Komisiyo tekiniiki	<u>Article 14 :</u> Technical committees	<u>Article 14:</u> Commissions techniques
<u>Ingingo ya 15:</u> Guhagararirwa imbere y'amategeko	<u>Article 15 :</u> Legal representation	<u>Article 15 :</u> Représentation légale
UMUTWE WA III: UBUBASHA N'INSHINGANO BY'INZEGO Z'URUGAGA	CHAPTER III: COMPETENCE AND RESPONSIBILITIES OF THE COUNCIL'S ORGANS	CHAPITRE III: COMPETENCES ET ATTRIBUTIONS DES ORGANES DE L'ORDRE
<u>Icyiciro cya mbere :</u> Ububasha n'inshingano z'inzego z'Urugaga	<u>Section One :</u> Competence and responsibilities of the Council's organs	<u>Section première :</u> Compétences et attributions des organes de l'Ordre
<u>Ingingo ya 16:</u> Ububasha bw'Inama y'Igihugu y'Urugaga	<u>Article 16:</u> Competence of the National Council	<u>Article 16 :</u> Compétences du Conseil National de l'Ordre
<u>Ingingo ya 17 :</u> Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Urugaga	<u>Article 17:</u> Responsibilities of the National Council Board	<u>Article 17 :</u> Attributions du Conseil National
<u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano za Biro y'inama y'Igihugu y'Urugaga	<u>Article 18:</u> Responsibilities of the Bureau of the National Council Board	<u>Article 18:</u> Attributions du Bureau du Conseil National de l'Ordre
<u>Icyiciro 2:</u> Amahugurwa n'isuzumabumenyi	<u>Section 2:</u> Training and knowledge evaluation	<u>Section 2 :</u> Formation et évaluation des connaissances

<u>Ingingo ya 19: Amahugurwa</u>	<u>Article 19: Training</u>	<u>Article 19: Formation</u>
<u>Ingingo ya 20: Isuzumabumenyi</u>	<u>Article 20: Knowledge assessment</u>	<u>Article 20: Evaluation des connaissances</u>
<u>Ingingo ya 21: Ibyemezo ku isuzumabumenyi</u>	<u>Article 21: Post-knowledge assessment</u>	<u>Article 21: Mesures prises après évaluation des connaissances</u>
<u>UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'URUGAGA</u>	<u>CHAPITRE IV: FUNCTIONING OF THE COUNCIL</u>	<u>CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DE L'ORDRE</u>
<u>Ingingo ya 22: Uyobora Inama y'igihugu y'Urugaga</u>	<u>Article 22: Chairperson of the National Council</u>	<u>Article 22: Président du Conseil National de l'Ordre</u>
<u>Ingingo ya 23: Inama z'Inama y'igihugu y'Urugaga</u>	<u>Article 23: Meetings of the National Council Board</u>	<u>Article 23: Réunions du Conseil National de l'Ordre</u>
<u>Ingingo ya 24: Itumira ry'inzobere mu nama z'Inama y'Igihugu y'Urugaga</u>	<u>Article 24: Invitation of a resource person to the meetings of the National Council Board</u>	<u>Article 24: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil National de l'Ordre</u>
<u>Ingingo ya 25: Kohereza urutonde rw'abaganga n'abaganga b'amenyo bagize Urugaga</u>	<u>Article 25: Transmission of the register of the medical doctors and dentists members of the Council</u>	<u>Article 25: Transmission du tableau des médecins et dentistes membres de l'Ordre</u>
<u>Ingingo ya 26: Ubunyamabanga Buhoro</u>	<u>Article 26: Permanent Secretariat</u>	<u>Article 26: Secrétaire Permanent</u>
<u>UMUTWE WA V: IMYITWARIRE N'IBIHANO</u>	<u>CHAPTER V: CODE OF ETHICS AND DISCIPLINARY MEASURES</u>	<u>CHAPITRE V: CODE D'ETHIQUE ET SANCTIONS DISCIPLINAIRES</u>
<u>Ingingo ya 27: Ibihano n'inzego zishinzwe kubitanga</u>	<u>Article 27: Disciplinary measures and organs with the power to impose them</u>	<u>Article 27: Mesures disciplinaires et organes habilités à les infliger</u>
<u>Ingingo ya 28: Ingaruka zo guhagarikwa by'agateganyo</u>	<u>Article 28: Consequences of temporary suspension</u>	<u>Article 28: Conséquences de la suspension temporaire</u>

<u>Ingingo ya 29:</u> Gukurwa mu mwanya nta mpaka	<u>Article 29:</u> Automatic removal from office	<u>Article 29:</u> Révocation d'office
<u>Ingingo ya 30 :</u> Kutavangura	<u>Article 30 :</u> Non discrimination	<u>Article 30 :</u> Non discrimination
<u>Ingingo ya 31 :</u> Ibanga ry'umwuga	<u>Article 31 :</u> Professional secrecy	<u>Article 31 :</u> Secret professionnel
<u>Ingingo ya 32 :</u> Ikurikiranwa ry'umuganga cyangwa umuganga w'amenyo ukora atanditswe ku rutonde rw'Urugaga cyangwa yarahagaritswe	<u>Article 32 :</u> Prosecution of a medical doctor or dentist practicing without being registered in the register of the Council or while on the suspension	<u>Article 32 :</u> Poursuite d'un médecin ou dentiste exerçant sans être inscrit au tableau de l'Ordre ou ayant fait l'objet de suspension
<u>Ingingo ya 33 :</u> Gukurikiranwa mu rwego rw'imyitwarire ku murimo	<u>Article 33 :</u> Disciplinary proceedings	<u>Article 33:</u> Poursuite en matière de discipline
<u>UMUTWE WA VI: IKURIKIRANWA RY'AMAKOSA N'INZIRA ZO GUTAKAMBA</u>	<u>CHAPTER VI: DISCIPLINARY PROCEDURES AND APPEAL</u>	<u>CHAPITRE VI: PROCEDURES DISCIPLINAIRES ET VOIES DE RECOURS</u>
<u>Ingingo ya 34 :</u> Ikurikiranwa ry'ikosa n'Inama y'Igihugu y'Urugaga	<u>Article 34:</u> Disciplinary action by the National Council Board	<u>Article 34 :</u> Action disciplinaire par le Conseil National de l'Ordre
<u>Ingingo 35:</u> Guhagarikwa ry'agateganyo na Biro y'Inama y'igihugu y'Urugaga k'umuganga cyangwa umuganga w'amenyo	<u>Article 35 :</u> Temporary suspension of a medical doctor or a dentist by the Bureau of the National Council Board	<u>Article 35:</u> Suspension temporaire d'un médecin ou un dentiste par le Bureau du Conseil National de l'Ordre
<u>Ingingo ya 36 :</u> icyemezo gifatiwe umuganga cyangwa umuganga w'amenyo adahari	<u>Article 36:</u> Measure taken against a medical doctor or a dentist in absentia	<u>Article 36:</u> Mesure prise contre un médecin ou un dentiste en son absence
<u>Ingingo ya 37:</u> Gusaba ko icyemezo gisubirwaho	<u>Article 37 :</u> Appeal	<u>Article 37:</u> Appel
<u>Ingingo ya 38 :</u> Gukomeza ibihano	<u>Article 38 :</u> Aggravation of the sanctions	<u>Article 38:</u> Aggravation des sanctions

<u>UMUTWE WA VII: UMUTUNGO W'URUGAGA</u>	<u>CHAPTER VII: PROPERTY OF THE COUNCIL</u>	<u>CHAPITRE VII: PATRIMOINE DE L'ORDRE</u>
<u>Ingingo ya 39</u> : Inkomoko y'umutungo	<u>Article 39</u> : Sources of the property	<u>Article 39</u> : Source du patrimoine
<u>UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VIII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 40</u>: Igitabo cy'imyifatire igenga umwuga	<u>Article 40</u> : Code of ethics	<u>Article 40</u>: Code d'éthique professionnelle
<u>Ingingo ya 41</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 41</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 41</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 42</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 42</u>: Repealing provision	<u>Article 42</u>: Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 43</u>: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 43</u>: Commencement	<u>Article 43</u>: Entrée en vigueur

ITEGEKO N°44/2012 RYO KUWA 14/01/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'UBUBASHA BY'URUGAGA RW'ABAGANGA N'ABAGANGA B'AMENYO	LAW N°44/2012 OF 14/01/2013 ON THE ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE OF THE MEDICAL AND DENTAL COUNCIL	LOI N°44/2012 DU 14/01/2013 PORTANT ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCES DE L'ORDRE DES MEDECINS ET DES DENTISTES
--	--	---

Twebe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 04 Ukuboza 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 04 December, 2012;

La Chambre des Députés en sa séance du 04 décembre 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 41, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 41, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 41, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 et 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2012 OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana cyane cyane mu ngingo zaryo iya 283 n'iya 284;

Pursuant to Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code especially in Articles 283 and 284;

Vu la Loi Organique n° 01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal, spécialement en ses articles 283 et 284 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 10/98 ryo kuwa

Pursuant to Law n° 10/98 of 28/10/1998 relating

Vu la Loi n° 10/98 du 28/10/1998 portant exercice

28/10/1998 ryerekeye ubuhanga bwo kuvura, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 34 n'ya 35 ;

to the practice of the Art of Healing, especially in Articles 34 and 35;

de l'art de guérir, spécialement en ses articles 34 et 35 ;

Isubiye ku Itegeko n° 30/2001 ryo kuwa 12/06/2001 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urugaga rw'Abaganga;

Having reviewed Law n° 30/2001 of 12/06/2001 on the organization, functioning and scope of activities of the Medical Council;

Revu la Loi n° 30/2001 du 12/06/2001 portant organisation, fonctionnement et compétence de l'Ordre des Médecins;

YEMEJE :

ADOPTS :

ADOPTÉ :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere : icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urugaga rw'abaganga n'abaganga b'amenyo.

This Law determines the organisation, functioning and competence of the Medical and Dental Council.

La présente loi détermine l'organisation, le fonctionnement et les compétences de l'Ordre des Médecins et des dentistes.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura ibi bikurikira:

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meanings :

Au sens de la présente loi, les termes repris ci-après ont des significations suivantes:

1° **umuganga** : umuntu wese wemerewe gukora ubuvuzi bw'abantu bishingiye ku mpamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu by'ubuganga;

1° **a medical doctor:** every person qualified to practice the medical art after obtaining a Bachelor's Degree in Medicine;

1° **un médecin** : toute personne habilitée à exercer la médecine après l'obtention d'un diplôme sanctionnant le deuxième cycle d'enseignement supérieur en médecine;

2° **umuganga w'amenyo** : umuntu wese wemerewe gukora imirimo y'ubuvuzi bw'amenyo bishingiye ku

2° **a dentist:** every person qualified to practice the dental medicine after obtaining a Bachelor's Degree in

2° **un dentiste** : toute personne habilitée à exercer la médecine dentaire après l'obtention d'un diplôme sanctionnant le

mpamuyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu by'ubuvuzi bw'amenyo;
3° **urugaga:** Urugaga rw'abaganga n'abaganga b'amenyo.

dentistry;

3° **the Council:** the Council of Medical doctors and Dentists.

deuxième cycle d'enseignement supérieur en dentisterie;

3° **l'Ordre :** l'Ordre des Médecins et des dentistes.

Ingingo ya 3 : Inshingano y'Urugaga

Urugaga ni rwo murinzi w'amategeko, icyubahiro n'ishema by'umwuga w'ubuvuzi.

Urugaga rubungabunga ubusugire bw'amahame yerekeye imyifatire myiza, ubunyangamugayo n'ubwitange bya ngombwa mu buvuzi, rukanareba ko abarugize bose bubahiriza ibyo bashingwa n'umwuga wabo, kimwe n'amategeko n'amabwiriza agenga ubuvuzi.

Ingingo ya 4: Ububasha bw'Urugaga

Urugaga rufite ububasha bukurikira:

- 1° gushyiraho amabwiriza agenga ubumenyi n'ubushobozi fatizo umuganga wese mu cyiciro cye agomba kuba afite;
- 2° gutanga no kwambura uburenganzira bwo gukora umwuga w'ubuganga n'ubuganga bw'amenyo;
- 3° gufatira ibihano abaganga n'abaganga b'amenyo bakoze amakosa yo mu rwego rw'akazi.

Article 3: Mission of the Council

The Council shall be responsible for the compliance with the rules, honor and dignity of the medical profession.

The Council shall ensure compliance with the principles of morality, integrity and dedication essential to the practice of the medical profession. It shall also ensure that all its members comply with their professional requirements and the laws and regulations governing the medical profession.

Article 4 : Competence of the Council

The Council shall have the following competence:

- 1° to establish rules determining the skills and capacity requirements for each category to perform a medical profession;
- 2° to grant and revoke the authorization to perform a medical or dental profession;
- 3° to take disciplinary measures against medical doctors and dentists.

Article 3 : Mission de l'Ordre

L'Ordre est le garant du respect des règles, de l'honneur et de la dignité de la profession médicale.

L'Ordre veille au respect des principes de moralité, d'intégrité et de dévouement indispensables à l'exercice de la profession médicale. Il s'assure aussi que tous ses membres se conforment aux exigences de leur profession ainsi qu'aux lois et règlements régissant la profession médicale.

Article 4 : Compétences de l'Ordre

L'Ordre a les compétences suivantes :

- 1° édicter des règles qui définissent, pour chaque catégorie, la qualification et la capacité requises pour pratiquer la profession médicale;
- 2° délivrer et révoquer l'autorisation de pratiquer la profession de médecin ou de dentiste;
- 3° prendre des mesures disciplinaires à l'encontre des médecins et dentistes.

Ingingo ya 5: Ubwigenge n'ubwisanzure by'Urugaga

Urugaga rufite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'umutungo, imari n'abakozi barwo.

Ingingo 6: Icyicaro cy'Urugaga

Icyicaro cy'Urugaga kiri mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa byemejwe n'Inama y'Igihugu y'Urugaga.

UMUTWE WA II: IMITERERE Y'URUGAGA

Ingingo ya 7 : Inzego zigize Urugaga

Urugaga rugizwe n'inzego eshatu (3) zikurikira:

- 1° Inama y'Igihugu y'Urugaga;
- 2° Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga ;
- 3° Komisiyo tekiniiki.

Ingingo ya 8 : Inama y'Igihugu y'Urugaga

Inama y'Igihugu y'Urugaga ni rwo rwego rukuru rw'Urugaga.

Article 5: Autonomy of the Council

The Council shall have the legal personality, financial and administrative autonomy.

Article 6 : Head Office of the Council

The Head office of the Council shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred to any other location in the Republic of Rwanda when deemed necessary upon decision of the National Council Board.

CHAPTER II: ORGANISATION OF THE COUNCIL

Article 7 : Organs of the Council

The Council shall have the following three (3) organs:

- 1° the National Council Board;
- 2° the Bureau of the National Council Board;
- 3° Technical Committees.

Article 8 : National Council Board

The National Council Board shall be the supreme organ of the Council.

Article 5 : Autonomie de l'Ordre

L'Ordre est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative.

Article 6 : Siège de l'Ordre

Le siège de l'Ordre est établi dans la Ville de Kigali, la Capitale de la République du Rwanda. Il peut être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda en cas de nécessité sur décision du Conseil National de l'Ordre.

CHAPITRE II : ORGANISATION DE L'ORDRE

Article 7 : Organes de l'Ordre

L'Ordre a trois (3) organes suivants:

- 1° le Conseil National de l'Ordre ;
- 2° le Bureau du Conseil National de l'Ordre ;
- 3° les Commissions techniques.

Article 8 : Conseil National de l'Ordre

Le Conseil National de l'Ordre est l'organe suprême de l'Ordre.

Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga

Abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga batorwa na bagenzi babo muri buri Ntara no mu Muji wa Kigali hakurikijwe umubare w'abaganga n'abaganga b'amenyo bari ku rutonde muri ako gace.

Amategeko ngengamikorere y'Urugaga ateganya uko batorwa.

Ingingo ya 10: Manda y'abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga

Abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga bafite manda y'imyaka ine (4), ishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa.

Abaganga n'abaganga b'amenyo bamaze nibura imyaka itatu (3) banditswe ku rutonde rw'Urugaga igihe cy'amatora nibo bonyine bashobora gutorerwa kuba abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga.

Ingingo ya 11: Impamvu zituma uri mu Nama y'Igihugu y'Urugaga ayivamo

Imirimo y'ugize Inama y'Igihugu y'Urugaga irangira icyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi

Article 9: Composition of the National Council Board

Members of the National Council Board shall be elected by their peers in each Province and in the City of Kigali on the basis of the number of medical doctors and dentists registered in such an area.

The internal rules and regulation of the Council shall provide for modalities for their election.

Article 10: Term of office of members of the National Council Board

Members of the National Council Board shall serve for a four (4) year term of office renewable only once (1).

Only medical doctors and dentists whose names have been registered on the register of the Council for a period of at least three (3) years at the time of elections shall be eligible as members of the National Council Board.

Article 11: Grounds for termination of membership in the National Council Board

A person shall cease to be member of the National Council Board if he/she:

- 1° concludes his/her term of office;
- 2° resigns in writing;
- 3° is no longer able to perform his/ her duties due to physical or mental disability duly

Article 9 : Composition du Conseil National de l'Ordre

Les membres du Conseil National de l'Ordre sont élus par leurs pairs dans chaque Province et dans la Ville de Kigali sur base de l'effectif des médecins et dentistes enregistrés sur la liste dans cette zone.

Le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre prévoit les modalités de leur élection.

Article 10 : Mandat des membres du Conseil National de l'Ordre

Les membres du Conseil National de l'Ordre ont un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule (1) fois.

Sont seuls éligibles comme membres du Conseil National de l'Ordre, les médecins et dentistes inscrits au tableau de l'Ordre depuis au moins trois (3) ans au moment des élections.

Article 11 : Motifs de cessation de la qualité de membre du Conseil National de l'Ordre

La qualité de membre du Conseil National de l'Ordre cesse dans les cas suivants:

- 1° expiration du mandat;
- 2° démission par notification écrite;
- 3° s'il ne peut plus remplir ses fonctions suite à une incapacité physique ou

Official Gazette n° 02 of 14/01/2013

bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;	confirmed by an authorized medical doctor;	mentale constatée par un médecin agréé;
4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;	4° is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension;	4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;
5° asibye inama z'Inama y'Igihugu z'Urugaga inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;	5° misses three (3) consecutive meetings of the National Council Board in a year without justified reasons;	5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions du Conseil National de l'Ordre sans raisons valables ;
6° abangamiye inyungu z'Urugaga ;	6° jeopardizes the interests of the Council;	6° agissement contre les intérêts de l'Ordre;
7° agaragaje imyitwarire itajyanye n' inshingano ze;	7° demonstrates behaviors inconsistent with his/her duties;	7° comportement incompatible avec ses fonctions;
8° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashwirwa mu Nama y'Igihugu y'Urugaga;	8° no longer meets the requirements considered at the time of his/her election in the National Council Board;	8° s'il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été élu membre du Conseil National de l'Ordre;
9° yireze akemera icyaha cya jenocide;	9° confesses and pleads guilty of the crime of genocide;	9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide;
10° ahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;	10° is convicted of the crime of genocide ideology;	10° s'il est reconnu coupable du crime d'idéologie du génocide;
11° apfuye.	11° dies.	11° décès.

Ingingo ya 12: Isimburwa ry'ugize Inama y'Igihugu y'Urugaga

Iyo umwe mu bagize Inama y'Igihugu y'Urugaga atakiri mu mirimo ye ku mpamvu zivugwa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko asimburwa hakurikijwe

Article 12: Replacement of a member of the National Council Board

When a member of the National Council Board ceases to be member due to the reasons provided in Article 11 of this Law, he/she shall be replaced

Article 12: Remplacement d'un membre du Conseil National de l'Ordre

Lorsqu'un membre du Conseil National de l'Ordre perd sa qualité de membre suite à des motifs prévus par l'article 11 de la présente loi, il

uburyo yashyizweho mu gihe kitarenze amezi atatu (3).	within three (3) months under the same conditions as those under which he/she acquired membership.	est remplacé endéans trois (3) mois dans les mêmes conditions que celles par lesquelles il a acquis la qualité de membre.
Iyo ugize Inama y'Igihugu y'Urugaga avanywe ku mirimo atarangije manda ye asimburwa mu mwanya we n'undi akarangiza igice cya manda cyari gisigaye iyo kirengeje amezi atandatu (6).	When a member of the National Council Board ceases to be member before the expiry of his/her term, he/she shall be replaced for the remainder of his/her term if such a remainder is more than six (6) months.	Lorsqu'un membre du Conseil National de l'Ordre perd sa qualité de membre avant l'expiration de son mandat, il est pourvu à son remplacement pour la durée du mandat restant à courir si celle-ci est supérieure à six (6) mois.
<u>Ingingo ya 13: Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga</u>	<u>Article 13 : Bureau of the National Council Board</u>	<u>Article 13: Bureau du Conseil National de l'Ordre</u>
Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga igizwe n'abantu barindwi (7) barimo Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga, ushinzwe umutungo n'Abajyanama batatu (3).	The Bureau of the National Council Board shall be comprised of seven (7) members including a Chairperson, a Deputy Chairperson, a Secretary, a Treasurer and three (3) Advisors.	Le Bureau du Conseil National de l'Ordre est composé de sept (7) membres dont un Président, un Vice-Président, un Secrétaire, un Trésorier et trois (3) Conseillers.
Uko batorwa bigenwa n'amategeko ngengamikorere ry'Urugaga.	Modalities for their election shall be determined by the internal rules and regulations of the Council.	Les modalités de leur élection sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.
<u>Ingingo ya 14: Komisiyo tekini</u>	<u>Article 14 : Technical Committees</u>	<u>Article 14: Commissions techniques</u>
Inama y'Igihugu y'Urugaga ifashwa mu kazi kayo na Komisiyo tekini.	The National Council Board shall be assisted by technical Committees in carrying out its responsibilities.	Le Conseil National de l'Ordre est assisté par des Commissions techniques dans l'accomplissement de ses attributions.
Imiterere yazo n'uburyo zikora biteganywa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.	The Organization and functioning of such committees shall be determined by the internal rules and regulations of the Council.	L'organisation et le fonctionnement de ces Commissions sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

Ingingo ya 15: Guhagararirwa imbere y'amategeko

Urugaga rukorera mu nzego zirugize.

Haba imbere y'ubucamanza cyangwa mu bindi bikorwa byose birebana n'imitunganyirize y'inshingano zarwo, Urugaga ruhagararirwa na Perezida w'Inama y'Igihugu y'Urugaga, ataboneka agasimburwa na Visi-Perezida.

UMUTWE WA III: UBUBASHA N'INSHINGANO BY'INZEGO Z'URUGAGA

Icyiciro cya mbere : Ububasha n'inshingano by'inzego z'Urugaga

Ingingo ya 16: Ububasha bw'Inama y'Igihugu y'Urugaga

Inama y'Igihugu y'Urugaga itegura amategeko ngengamikorere n'amahame remezo rusange yerekeranye n'imyifatire myiza, icyubahiro, ibanga, ishema n'ubwitange bya ngombwa mu mikorere y'umwuga wo kuvura, ari nayo agize amahame y'umwuga w'ubuvuzi.

